«Yesu Kristo ntahinduka, uko yari ari ejo,
n'uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose»

(Abaheburayo 13:8)

# Urwandiko mbwirwabenshi Mata 2020

## Inyandiko ikomoka ku Imana

Ndasuhuza abizera bose, benedata bose, na bashiki bacu bo ku isi hose nkoresheje iri Jambo ryo muri 2 Petero 3:9: *«Umwami Imana ntitinza isezerano ryayo, nk'uko bamwe batekereza yuko iritinza. Ahubwo itwihanganira idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana».*

Isezerano ni iri: *«Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo»* (Jean 14:3).

Turashimira Imana cyane n'imitima yacu yose, ku bw'Ijambo ryayo ry'igiciro kandi ryera, kubw'isezerano rya kera n'iri shya, kubw'ubutumwa bwiza, kubw'inzandiko z'intumwa, no kubw'Ibyahishuwe, buri ngingo yose ya bibiliya yavuzweho mu buryo bweruye kandi budashidikanywaho.

Icy'ingenzi k'ubizera bose bibiliya ivuga, cyari kandi kizakomeza kuba ingingo ikora ku kuza kwa kabiri kwa Kristo. Igifatanije n'ibyo ubu, ni ubutumwa bwa nyuma bw'umuhamagaro wo gusohoka, bwo kwitandukanya, bwo gutegurwa kw'Itorero rya Yesu Kristo kubw'umunsi w'ubwiza buhebuje wo kugaruka k'Umwami wacu.

Muri 2 Petero 3:14, tuhasoma: *«Ni cyo gituma bakundwa, ubwo mutegereje ibyo, mukwiriye kugira umwete wo kuzasangwa mu mahoro, mutagira ikizinga, mutariho umugayo mu maso ye».*

Intumwa zayobowe kuzanira abizera inyigisho yimbitse irebana n'ingingo yo Kugaruka kw'Umwami wacu. Uko niko Yohana yanditse muri 1 Yohana 2:28 ati: *«Na none bana bato, mugume muri we, kugira ngo niyerekanwa tuzabone uko dutinyuka, tutabebera imbere ye ubwo azaza».* Biratangaje kubona umutwaro Umwuka w'Imana yashyize k'umutima w'intumwa, ku birebana n'umumaro wo gutegurwa kubw'uwo munsi uhebuje, n'uburyo Umwuka yabasunitse kwandika kuri iyo ngingo. Ibyo biratureba mu buryo bwihariye, twebwe abazi

neza ko twegereje cyane Ukugaruka kwa Yesu Kristo, kugira ngo tubashe kubaho mu by'ukuri mu gutegurwa kwacu.

Ibyo intumwa Pawulo yandikiye mugenzi we mu murimo Timoteyo, uyu munsi ni jye ubibwirwa mu buryo bwihariye, ariko binabwirwa benedata bose ku isi hose, babwiriza mu buryo bwo kwiringirwa Ijambo ryahishuwe, kandi bagabura ibyokurya by'umwuka: *«witondere itegeko, ntugire ikizinga habe n'umugayo, kugeza ku kuboneka k'Umwami wacu Yesu Kristo …»* (1 Tim. 6.14). Ubu mbere yo kugaruka kw'Umwami, ikibwirizwa kigomba kuba gishingiye ku byanditswe mu buryo bwuzuye. Igisabwa ni ukubwiriza Ijambo ry'Imana mu buryo budafite umugayo.

Ku murongo wa 15 intumwa yanditse ivuga k'ukugaruka kw'Umwami: *«… kuzerekanwa mu gihe cyako n'Iyo ifite ubutware yonyine ihiriwe, ari yo Mwami w'abami n'Umutware utwara abatware…»*

Imana yagennye byose mbere: umugambi w'agakiza muri rusange, ibyagombaga gusohora mu gihe cyo kuza kwa mbere kwa Kristo, cyo kimwe n'ibigomba gushyika ubu, mbere yo kuza kwa kabiri kwa Kristo. Kubw'ibyo intumwa yabashije kwandika: *«…kuzerekanwa mu gihe cyako…».*

Ni yo mpamvu mu gihe cyacu naho hari ubutumwa bubanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo.

Muri 2 Timoteyo 2:15 tuhasoma ibikurikira: *«Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri».*

Imana mu by'ukuri yatekerenje ku bintu byose. Kandi turabiyishimira cyane; ingo, ubwanjye ndayishimira cyane kubw'iyi myaka yose, muri yo nabashije kubwiriza Ijambo ry'Imana, nta nsobanuro bwite n'imwe nigeze nzana, ariko nabashije gusa kubwiriza Ijambo ryera ry'Imana.

Mu buryo bwihariye ndashimira Imana cyane, kubera yuko Umwami yantegetse mu 1980 ati: «Mugaragu wanjye, byuka usome 2 Timoteyo 4. Ndahaguraka fata Bibiliya yanje ndasoma: *«Ndagutongerera mu maso y'Imana no mu ya Kristo Yesu uzacira ho iteka abazima n'abapfuye, ubwo azaboneka aje kwima ingoma ye. Ubwirize abantu ijambo ry'Imana ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mu kitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure ufite kwihangana kose no kwigisha,*

*Kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo. Ariko wowe ho wirinde muri byose, wemere kurengana, ukore umurimo w'umubwirizabutumwa bwiza, usohoze umurimo wawe wo kugabura iby'Imana».*

Uhereye icyo gihe, iki gice cy'ibyanditswe kimfitiye agaciro kihariye. Tubona ko harimo impuguro ya ngombwa, mu mirongo ya mbere. Kera iyi mpuguro y'intumwa Pawulo, yari igenewe mugenzi we mu murimo Timoteyo. Mu 1980, ni jye Umwami yategetse iri Jambo. Hirya gato dusoma ibyo Pawulo yavuze agaruka k'ubukozi bwe, kandi iryo Jambo na n'uyu munsi twarikoresha, kuko ubu habwirizwa ubutumwa bwa nyuma, kubw'inshingano y'umurimo yatanzwe n'Imana:

*«Nyamara Umwami wacu yarampagarikiye arankomeza, kugira ngo ubutumwa bubwirizwe n'akanwa kanjye butagabanije, abanyamahanga bose babwumve. Nuko nkira akanwa k'intare»* (2 Tim4: 17).

Hano dufite ikintu gifite umwihariko. Pawulo yari afite kwemezwa mu mutima yuko kubw'ikibwirizwa cye, ibyo Imana yagambiriye byose mu mugambi wayo w'agakiza, byari byaravuzwe mbere, niyo mpamvu avuga yuko Imana yamukomeje. Ibyo ntabwo byari ukwishyira hejuru, cyangwa ibyo yibwira ubwe, ahubwo byari inshingano y'umurimo yahawe n'Imana! Kandi imbaraga yahawe ntabwo zari izamuntu, ahubwo zari izitangwa n'Umwuka Wera.

Pawulo yanditse ku ingingo yo kugaruka kwa Yesu Kristo, mu buryo buhamye mu 1 Abikorinto 15, mu 1 Abatesalonike 4, no mu bindi byanditswe. Hanyuma dusoma muri Tito 1: 3: *«… Ariko mu bihe yatoranije, yumvikanishije ijambo ryayo ubutumwa nahawe nk'uko Imana Umukiza wacu yategetse …»*

Twasomye yuko Ukugaruka kw'Umwami kuzasohora mu gihe cyakwo, kandi hano dusoma, yuko yumvikanishije Ijambo ryayo mu gihe yatoranije. Ibyo bintu byombi bizasohora mu gihe cyacu: Ukubwiriza ubutumwa bw'Ijambo rihishuwe, no Kugaruka kw'Umwami mu gihe cyakwo.

Umwami wacu n'ashimwe kandi n'ahimbazwe! Yahishuriye umuhanuzi Wayo, William Branham, Ijambo ryagenewe iki gisekuruza, nk'uko kera yabikoreye Pawulo, wahamirije inshingano y'umurimo yari yarahawe.

Habayeho uguhamagarwa n'Imana mu isezerano rya kera no mu rishya, kandi bose, yaba Nowa, Mose, Eliya, Yohana mubatiza cyangwa Pawulo, cyangwa abandi, bahawe inshingano y'umurimo yaturutse ku Imana, kandi barayisohoje.

Isezerano rishya ryatangiranye na Yohana Mubatiza, wagaragaye mu gihe cyagennwe, ni ukuvuga mu gihe ubuhanuzi bwo muri bibiliya bwarimo gusohora, igihe cyo kuza kwa mbere kwa Yesu Kristo (Matayo 3). Yohana Mubatiza yari afite inshingano y'umurimo yaturutse ku Imana, yari umugabo watumwe n'Imana kubw'umuhamagaro utaziguye, kandi yateguye inzira y'Umwami, nk'uko ibyo byari byaravuzwe mbere mu Isezerano rya Kera, ari byo byanditse muri Yesaya 40:3, no muri Malaki 3:1. Yashoboraga kwishingikiriza ku Ijambo, kandi akarishingiraho ku bw'ubuhamya bwe.

Mu butumwa bwa Yohana, mu gice cya mbere, baramubajije bati:

*«Uri Kristo?», arabasubiza ati: «Oya». «Uri wa muhanuzi wagombaga kuza? «Oya». «Uri Eliya?» «Oya, sindi we» «uri nde? Kugira ngo duhe igisubizo abadutumye».*

Yaboneyeho kubaha igisubizo cye, ku murongo wa 23. Yavuze ku ibyanditswe muri Yesaya 40:3: *«Ndi ijwi ry'urangururira mu butayu ngo 'Nimugorore inzira y'Uwiteka'… (mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa mu kidaturwa…)»*

Ku bw'ubukozi bwe, ubwoko butunganijwe neza bwashyikirijwe Umwami Imana: *«…Benshi mu Bisirayeli azabahindurira ku Mwami Imana yabo, azagendera imbere yayo mu mwuka n'ububasha bya Eliya, asanganye imitima ya ba se n'iy'abana, n'abatumvira Imana azabayobora mu bwenge bw'abakiranutsi, ngo ategure ubwoko bwatunganirijwe Umwami Imana»* (Luc 1:16-17).

## Ni iki kirimo kuba mu gihe cyacu

Ku bw'ubutumwa William Branham yabwirije, abana b'Imana nyakuri bagaruwe ku kwizera kw'umwimerere kwa ba data aribo intumwa.

UMWAMI Imana yabereye maso Ijambo ryayo rifite agaciro iteka ryose. Reka tubivuge mu buryo bweruye: Ese byatumarira iki, turamutse tuzi ibyo Imana yakoze mu bihe byashize, ariko tukaba tutazi ibyo yasezeranije, n'ibyo irimo gukora ubu mbere yo kugaruka

kwa Yesu Kristo? Mu gihe cyacu na none, habayeho umuhamagaro uturutse ku Imana, uwo mwenedata Branham atahwemye guhamiriza. Reka twongere gutanga hano imwe mu nteruro ze, irebana n'ibyashyitse ku itariki ya 11, ukwezi kwa gatandatu, 1933, I Jeffersonville, Leta zunze ubumwe za Amerika: **«Nongera kumva ku yindi nshuro: " ubura amaso! Nuko ndebye, ya nkingi y'umuriro yayoboraga ubwoko bwa Isirayeli, mu butayu yari yamanutse. Abantu ibihumbi barayibonye. Yaramanutse ihagarara aho nari ndi, hanyuma Aravuga ati: " Nk'uko Yohana Mubatiza yoherejwe kubwo kubanziriza ukuza kwa mbere kwa Kristo, ubutumwa bwawe buzagera ku isi hose, kandi buzabanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo"»** (12 ukwezi kwa kane 1964).

Ibi ni byo byashyitse ku isi hose, kandi byabaye ukuri kw'impamo nyuma yo kuva mu mubiri kwa mwenedata Branham akajyanwa mu bwiza.

Ku itariki ya 12, ukwezi kwa gatandatu 1958, mwenedata Brahnam yarambwiye turi Dallas, Texas ati: «Mwenedata Frank, uzasubirana ubu butumwa mu Budage.»

Ibyo byarasohoye, Imana yakoze byombi: Yatanze itegeko ryo kubwiriza ubutumwa, kandi yitwararitse kubugeza ku impera z'isi. Ibintu by'indengakamere byabaye mu buzima, no mu bukozi bwa mwenedata William Branham, ntabwo ari ku itariki ya 11 ukwezi kwa gatandatu 1933 gusa, igihe yararimo gukora bwa mbere umurimo wo kubatiza, ariko byabaye no mu yandi materaniro.

Intumwa Pawulo yabashije guhamiriza yuko Umucyo wamubonekeye igihe cyo guhamagarwa kwe, mu Ibyakozwe n'Intumwa igice cya 9: *«Akigenda yenda gusohora i Damasiko, umucyo uramutungura uvuye mu ijuru uramugota. Agwa hasi yumva ijwi rimubaza riti "Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki?" Aramubaza ati "Uri nde, Mwami?" Na we ati "Ndi Yesu, uwo urenganya»* (imirongo ya 3-5).

Pawulo yabihamirije imbere y'umwami Agrippa n'imbere y'abayobozi bakuru:

*«Ngikora ibyo, njya i Damasiko mpawe ubutware ntegetswe n'abatambyi bakuru. Nkigenda ku manywa y'ihangu, mwami, mbona umucyo uvuye mu ijuru urusha uw'izuba, unsangana n'abo tugendana. Twese twikubita hasi, numva ijwi rimbwira mu Ruheburayo riti 'Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki? Biragukomereye gutera imigeri ku*

*mihunda.' Nanjye ndabaza nti 'Uri nde, Mwami?' Umwami aransubiza ati 'Ndi Yesu uwo urenganya. Ariko haguruka uhagarare, kuko igitumye nkubonekera ari ukugira ngo ngutoranye nkugire umukozi wanjye, n'umugabo wo guhamya ibyo ubonye n'ibyo nzakubonekerana …»* (Ibyakozwe 26:12-16).

Uhereye no mu gihe cyo guhamagarwa kwa Mose, mu Isezerano rya Kera, ukugaragagara kw'indengakamere kw'Imana kwabereye mu gihuru cyaka umuriro. Mose yagombye gukuramo inkweto ze, kuko ahantu yari ari hari ahera. Aho niho yaherewe inshingano y'umurimo (Ukuva 3).

Mu Isezerano rya Kera UMWAMI Imana yihishuraga mu mucyo w'igicu, no mu nkingi y'umuriro.

Mu Kuva 13 dusoma ibikurikira: «*Uwiteka ku manywa yabagendaga imbere ari mu nkingi y'igicu ngo abayobore, nijoro yabagendaga imbere ari mu nkingi y'umuriro ngo abamurikire, babone uko bagenda ku manywa na nijoro»* (Umurongo wa 21). Ese ntibihebuje? Umwami Imana ntabwo yabatuye gusa Ubwoko bwayo mu buretwa bwo muri Egiputa, ariko yagiye imbere y'ubwoko Bwayo bwarokowe, bukanabaturwa, ubwo yagiranye nabwo indagano. Yarabayoboye, Abacisha kandi abereka inzira ku manywa na nijoro. Muri icyo gihe cyose cy'imyaka mirongo ine y'urugendo, Yabanye n'ubwoko bwe, mu nkingi y'igicu cy'indengakamere ku manywa, no mu nkingi y'umuriro w'indengakamere nijoro. *«Ya nkingi y'igicu ntiyavaga imbere y'ubwo bwoko ku manywa, kandi iyo nkingi y'umuriro ntiyabuvaga imbere nijoro»* (Umurongo wa 22).

Ibi byongera kuvugwa kuyindi nshuro muri zaburi ya 78, ku murongo wa 14: *«Kandi ku manywa yabayobozaga igicu, Ijoro ryose ikabayoboza kumurika k'umuriro».*

Mu Kuva 40, tuhasoma ibikurikira: *«Maze cya gicu gitwikira ihema ry'ibonaniro, ubwiza bw'Uwiteka burabagirana bwuzura ubwo buturo … Kuko igicu cy'Uwiteka cyabaga kuri ubwo buturo ku manywa, hakabamo umuriro nijoro mu maso y'inzu ya Isirayeli yose, mu rugendo rwabo rwose»* (Imirongo ya 34 + 38).

Igihe ibyo Uwiteka yari yategetse Mose byose byari bimaze gusozwa, Ubwiza bw'indengakamere bw'Imana bwaje Ahera Cyane, aho Isanduku y'Isezerano yari iri, kandi bwahamirizaga yuko Imana Ubwayo yari iri hagati y'ubwoko Bwayo.

Igicu ndengakamere cyaje hejuru y'umusozi wo guhindurirwaho, hanyuma ijwi rirumvikana riti: *«Maze igicu kiraza kirabakingiriza, ijwi rikivugiramo riti "Nguyu Umwana wanjye nkunda mumwumvire!»* (Mariko 9:7). Muri Yesaya 4:5, tuhasoma ibizasohora igihe Umwami Imana azaba amaze gusoza umurimo we k'umusozi Siyoni. Icyo gihe igicu ndengakamere kizongera ku yindi nshuro kumanuka, kandi bizagaragara mu buryo bweruye yuko Imana iri kuri uwo musozi: *«Kandi hejuru y'ubuturo bwose bwo ku musozi wa Siyoni no ku materaniro yaho, Uwiteka azaharemeraho igicu n'umwotsi ku manywa n'umuriro waka ukamurika nijoro. Maze hejuru y'ibyubahwa byose hazabeho igitwikirizo».* Ntabwo ahinduka, uyu munsi, ejo n'iteka ryose.

## Icyegerereranyo mbonerahamwe cy'umuhamya wiboneye n'amaso ye


Ndavuga ibi nk'umuhamya wiboneye n'amaso ye, kandi wiyumviye n'amatwi ye, mfite ukwubaha ndi imbere y'Umwami Imana. Nk'uko mubizi mwese, nagize amahirwe yo kuba mu materaniro menshi ya mwenedata Branham. Akenshi, yashoboraga kuvuga mu gihe cyo gusengera abarwayi ati: «Aka kanya, umucyo w'indengakamere, inkingi y'umuriro iri hejuru ya kanaka cyangwa undi muntu.» Yahishuririrwaga ibirebana n'abantu yabaga agiye gusengera. Yabashije kuvuga inshuro zirenga igihumbi mu gihe cy'imyaka yose y'ubukozi bwe ati: «UKU NIKO UMWAMI IMANA AVUZE…»

Ku itariki ya 20, ukwezi kwa mbere 1950, igihe mwenedata Branham yabwirizaga mu ngoro mberabyombi yo mu mujyi wa Houston, muri Texas, hari hateraniye abantu ibihumbi umunani.



Mu gihe yari arimo kuvuga, abafata amashusho bakorera ibinyamakuru, James Ayers na Ted Kippermann baramufotoye. Bamaze kuyatunganya, basanze i foto imwe gusa ari yo yabashije kumera neza, iyo nayo ni igaragaza mwenedata Branham, n'inkingi y'umuriro hejuru y'umutwe we.

Dr. George J. Lacy, ushinzwe gusuzuma Impapuro zishidikanywaho, mu kigo Cy'ubugenzacyaha cya Amerika FBI i Washington DC, yasuzumye iyo foto,



hanyuma Yandika ikigereranyo mbonerahamwe ku itariki Ya 29, ukwezi kwa mbere, 1950, yemeza yuko uwo Mucyo wari hejuru y'umuvugabutumwa, naho ubundi Icyuma gifotora nticyari kuwubona. Imana ubwayo Yabitangiye ubuhamya inshuro nyinshi.

Mu kwezi kwa cumi na kabiri 1962, mwenedata Branham, yimukiye i Tucson, muri Arizona, nk'uko ibyo yari yarabitegetswe n'Umwami Imana mu kwezi kwa gatatu 1962. Igihe cyarageze ubwo ku itariki ya 28 ukwezi kwa kabiri 1963, igicu ndengakamere cyaragagaye mu kirere. Muri icyo gicu cyagaragaye hejuru y'umusozi sunset, hari abamarayika barindwi, kandi aho hantu niho umugaragu w'Imana yaherewe itegeko rigira riti: «Subira i Jeffersonville, kuko ibimenyetso birindwi bizabumburwa.»

Ikinyamakuru kizwi kitwa «Science», cyashyize iyi foto ku rupapuro rwa mbere rw'iki kinyamakuru cyasohotse ku itariki ya 19 ukwezi kwa kane 1963. Ikinyamakuru «Life» cyo kuri 17 ukwezi kwa gatanu 1963, cyatangaje inyandiko iriho iyi foto y'igicu: «And a High Cloud Ring of Mystery» (Igicu kiri hejuru cyane cy' uruziga rw'ubwiru). Dr. James McDonald wakoraga muri "Institut de la physique atmosphérique" i Tucson yanditse kuri iyo ngingo, ariko nta gisobanuro gifatika yabonye. Ndacyafite ibyo binyamakuru byombi.

## Mumenye umunsi n'ubutumwa

UMWAMI wacu yabereye maso Ijambo, kandi akora ibyo yagennye kubw'iki gihe. Mu buryo budakuka isezerano ryatanzwe ryarasohoye: *«Dore nzabohererereza umuhanuzi Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera»* (Malaki. 4 :5). Ubu turacyari mu munsi w'agakiza (2 Abikorinto 6:2), mu gihe cy'ubuntu. Umwami wacu ubwe yabwiye abigishwa be ku musozi wo guhindurirwaho ati: *«…Ni koko, Eliya ni we ukwiriye kubanza kuza ngo atunganye byose»* (Marc 9:12). Umuhamagaro wa nyuma urimo kumvikana, kandi uwimana azumva Ijambo ryera ry'Imana, kandi niryo ryonyine azakomeza kushikamaho.

Birababaje kubera yuko nubwo UMWAMI Imana yigaragarije mu buryo bw'indengakamere ubwoko bwa Iserayeli, benshi muri bo barayobye mu mitima yabo, kugezaho Imana yarahiye ati: *«Ntibazinjira mu buruhukiro bwanjye !»* (Abaheburayo 3:11; Kubara 14:23). Bishoye mu gusenga ibishushanyo, kandi baritotombye.

Mu 1 Abikorinto 10, imirongo ya 1 kugeza 4, Pawulo yavuze ibintu byose bikomeye ibyo Imana yakoreye hagati yabo. Mu mirongo ya 5 kugeza 10, havugwamo ibibi Abisirayeli bakoze, n'uburyo Imana yabahanye kubw'ibyo. Hanyuma hakurikiraho imburo: *«Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe»* (1 Abikorinto 10:11).

Nicyo kimwe no mu gihe cyacu, nta mumaro bifite kuvuga ibyo Imana yakoze inyuze mu bukozi bwa mwenedata William Branham, mu gihe umuramya, uvuga yuko ijwi rye ari «Ijwi ry'Imana», no mu gihe ukwirakwiza inyigisho z'iminyoma. Biteye ubwoba cyane, kubona umubare w'inyigisho z'ibinyoma ukwirakwizwa babyitirira umuhanuzi n'ubutumwa, kugeza naho bahamya yuko umuhanuzi yaba yarahishuye ibintu bitari muri bibiliya, nk'urugero uguhinda kurindwi kw'inkuba.

Indi nyigisho idashingiye kuri Bibiliya ivuga ibi, icya mbere yuko ukuzuka kwa abapfuye kwabaye, kandi ngo yuko umuhanuzi yazasohoza ubukozi bwe budasanzwe «Icyiciro cya gatatu cy'ubukozi bwe le 3ème pull» mu gihe cy'iminsi iri hagati ya 30 na 40, ngo ari mu ihema, ngo yuko nyuma yibyo aribwo hazabaho ukuzamurwa. Nk'uko byanditswe mu Abigalatiya 1: 8, abantu mwene aba baravumwe, kuko babwiriza ubundi butumwa (Ibyahishuwe 22:18-19). Umuhanuzi ubwe yasubiyemo kenshi ati: «Ntimukagire icyo mwemera, keretse cyanditswe mu Ijambo ry'Imana !»

Inshuro nyinshi mwenedata Branham nawe yavuze ati: Ubutumwa ni: ukugaruka ku Ijambo, ukugaruka ku mwimerere, ukugaruka ku itangiririro, kugaruka k'ubuzima bw'agakiza abizera bambere babayemo!». Ubwiru bwose bwari buhishwe mu Ijambo ry'Imana, bwarahishuwe, turabyizera. Nta na kimwe, habe na mba gishobora kwongerwa ku Ijambo (Ibyahishuwe 22).

Nta kinyoma na kimwe gikomoka mu kuri (1 Yohana 2: 21), kandi uwukuri yumva kandi akizera gusa Ijambo ry'Imana. Nta gushidikanya yuko Imana Yera, idashobora gushyira ikimenyetso ku inyigisho y'ikinyoma, cyangwa k'umibereho y'icyaha *«Ubereshe ukuri:*

*ijambo ryawe ni ryo kuri»* (Yohana 17:17). Intumwa Yohana yandikiye abemeye Ukuri: *«…ku bw'ukuri kuri muri twe kandi kukazaba muri twe iteka ryose…»* (2 Yohana 2). Amen !

Abigisha b'ibinyoma bose ni ababeshyi, kandi bazaguma hanze. *«Muri rwo ntihazinjiramo ikintu gihumanya cyangwa ukora ibizira akabeshya, keretse abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama»* (Ibyahishuwe 21:27).

Imana itugirire ubuntu, kugira ngo twese tumenye neza yuko tumaze kugera mu gihe cya nyuma, muri cyo ibyari byaragennwe mbere byose, kandi byavuzwe mbere mu Ijambo ry'Imana ko bizaba, birimo gusohora (Ibyakozwe 13:41). Ntihagire numwe muri twe wasangwa afite umutima utizera, kandi utumvira. Ibyo Umwami wacu yavuze kuri Yerusalemu biracyafite agaciro kugeza uyu munsi: «*Uyu munsi nawe, iyo umenya ibyaguhesha amahoro!»* (Luka 19:42). Yabwiye abe ati: *«Nuko ibyo nibitangira kubaho muzararame, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora!»* (Luka 21:28).

Reka tubivuge kuyindi nshuro: abafite imitima iboneye bonyine nibo bazabona Imana. Uwiteguye wenyine niwe uzinjira mu birori by'ubukwe. N'uwo wenyine gusa wahawe ubuzima bw'agakiza kuzuye, gakubiyemo kwiyunga n'Imana n'ukubabarirwa ibyaha, hamwe no guhindurwa bashya mu buryo bwuzuye, kandi wahawe kwuzuzwa, no gushyirwaho ikimenyetso cy'Umwuka Wera, niwe uzagera ku intego.

Kubwo gusoza kuri iyi ngingo, reka bibwirwe kandi bose mu buryo bweruye, cyane ibyo Umwami wacu yashimangiye muri Matayo 17:11: *«Ni ukuri ko Eliya akwiriye kubanza kuza, akagarura byose akabitunganya»* (Mariko 9:12). Nyuma y'ubukozi bwa Yohana Mubatiza, Umwami wacu yasubiye kuvuga ibyanditswe muri Malaki 3:24, ari byo yuko kubw'ubukozi bwa Eliya, imitima y'abana b'Imana yagombaga kugarurwa ku kwizera kw aba Se, arizo intumwa.

Uyu munsi dushobora guhamya yuko iki cyanditswe cyasohoye, ibyo Umwami wacu yavuze byarasohoye. Buri nyigisho yo muri Bibiliya yaragaruwe, uhereye k'Ubumana, yuko Imana itagizwe n'abatatu bahoraho, ariko yuko yihishuye nka Data mu Mwana, hanyuma kubw'Umwuka wera mu Itorero. Umubatizo nk'uko byanditswe muri Bibiliya mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo ku bahindukiriye Imana bwa mbere, nawo waragaruwe (Ibyakozwe 2:38-41). Kubw'ubutumwa bwa nyuma, byose byagaruwe ku rufatiro

rw'umwimerere rw'intumwa n'abahanuzi, Yesu Kristo ubwe niwe buye rikomeza imfuruka.

Imana yacu yakoze ibintu bihambaye, kandi ubu twegereje ugusozwa, kugomba gusohora mbere yo Kugaruka kwa Yesu Kristo, Imana ibishimirwe mu Izina rya Yesu Kristo. Amena.

## Gusezera ku ngendo z'ivugabutumwa zakorwaga buri kwezi

Mu myaka mirongo ishize, hahoragaho ingamba z'ibyumweru bibiri mu kwezi nageneraga ingendo z'ivugabutumwa, ku buryo k'umunsi w'icyumweru wa nyuma wa buri kwezi nabaga ndi iteka i Zurich, maze impera y'icyumweru ya mbere ya buri kwezi nabaga ndi Krefeld. Muri rusange, ingendo nagenze zirenga mailo miliyoni 15 (hafi ibirometero miliyoni 25) ndi mu kirere. Nabashije kubwiriza mu mirwa myinshi yo mu bihugu 165 ku isi hose.

Ubu maze kugeza mu myaka 86. Nubwo nta kibazo cy'uburwayi mfite, ubusaza bwo bugaragarira mu kugenda, m'ukureba, mu kumva, kuburyo ingendo ndende zitakinshobokeye. Icyakora, hakoreshejwe itumanaho rinyura muri murandasi, abizera bose bo mu bihugu byose bashobora kumva ibibwirizwa, mu ndimi zitandukanye, bakanaza mu materaniro yacu. Muri ubwo buryo, ugufashwa mu buryo bw'umwuka guhabwa abari ku isi hose, nk'uko amashimwe y'abizera benshi ku isi hose abihamiriza.

Nshobora kuvuga nti: Mwami, ubu wasezerera umugaragu wawe akagenda amahoro, kuko ubutumwa bwa nyuma bwabwirijwe ku isi hose. Amaso yanjye yabonye ugusohora kw'isezerano ryo mu gihe cyacu. Abizera nyakuri bose bazahabwa kuba mu byo Imana izakora, kugeza ku iherezo. Yarabisezeranije, azabikora.

Cyane cyane kubiyongereye k'umubare wabizera hose ku isi, muri iyi myaka ishize, ndashaka kugaruka ku rugendo rwanjye rw'umwuka nanyuzemo:

Nabwirizaga mu Itorero ry'abapentekoste bigenga uhereye mu 1952. Igihe nahuraga na mwenedata Branham ku inshuro ya mbere, aho bakirira abashyitsi ku i hoteli, ku itariki ya 15, ukwezi kwa gatandatu 1955, umuhanuzi yarambwiye ati: «Uri umubwiriza w'ubutumwa bwiza», hanyuma atunga n'urutoki arwerekeza ibumoso ati: «Umugore wawe ahagaze hariya aho binjirira». Twahereyeko duhana ibiganza, hanyuma tumara umwanya tuganira. Uhereye mu

1958, nasemuye ibibwirizwa bya mwenedata Branham mu rurimi rw'ikidage.

Ku itariki ya 2 ukwezi kwa kane, 1962, Umwami Imana ubwe n'ijwi Rye ryumvikana yantegetse kubwiriza Ijambo mu yindi mirwa.

Ku itariki ya 3, ukwezi kwa cumi na kabiri 1962, nagiranye ikiganiro kirekire kuri iyi ngingo hamwe na mwenedata Branham, muri icyo kiganiro yahamije inshingano y'umurimo nahawe, kubwo kubihishurirwa ako kanya, imbere y'abahamya babiri, nyuma yaho yansabye kujya kubwiriza mu cyimbo cye i Los Angeles kwa Demos Shakarian, no kwa Earnest Hotton i Oakland, Oregon. Yanansabye, yuko niba bishoboka, nazasura uwitwa Henry Martin i Edmonton, muri Canada, aho ibibwirizwa bye nabyo babyumvaga biri ku mfata majwi. Yanampaye amazina na nimero za telephone za benedata. Mu gusoza ikiganiro cyacu yarambwiye ati: «Mwenedata Frank, n'ujya mu rugendo rw'ivugabutumwa mu Buhindi, uzashake uwitwa Paul Lawrie. Yari ari mu materaniro ya Bombay, ni umuvugabutumwa, kandi yaje muri Leta z'unze ubumwe za America, kandi yabatirijwe hano ku rusengero, mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo»

Mu 1964, nagiye mu rugendo rwa mbere rw'ivugabutumwa mu Buhindi, nabonyeyo abantu ibihumbi baza mu materaniro, kandi hafi abizera magana atatu barabatijwe nyuma y'ikibwirizwa. Mu gutaha nasuye Jordaniya na Isirayeli.

Nyuma yo kuva mu mubiri kwa mwenedata Branham, mu kwezi kwa cumi na kabiri 1965, igihe cy'ingenzi cyane cyarashojwe.

Icyiciro gishya cyaratangiye, kandi nabwirije Ubutumwa bw'Ijambo ryahishuwe, ku isi hose nk'uko inshingano y'Imana iri, mbanjirije mu Budage, muri Autrichia, no mu Busuwisi, nkurikizaho mu Burayi hose, hanyuma ku isi hose. Usibye ibibwirizwa mu materaniro, n'ibiterane, naboneyeho muri buri buryo, namamaza Ijambo ryahishuwe, kuri radiyo na televisiyo, kubw'inzandiko mbwirwabenshi, n'bitabu cy'ubutumwa.

Mu gushyingurwa kw'umuhanuzi ku itariki ya 11 ukwezi kwa kane 1966, natumiye mwenedata Pearry Green, kuza guhamiriza ibyo amaso ye yiboneye mu gihe cy'ubukozi bwa mwenedata Branaham, n'ibyabereye mu materaniro ahari. Ikibabaje ni uko yabaze inkuru z'ubuzima bw'umuhanuzi gusa. Mu kibwiriza cye cya mbere i Krefeld yavuganye umwete mwinshi ati: «Mu iyerekwa, umuhanuzi yabonye

ingengagihe yibumbuye yonyine, maze ihagarara ku mwaka wa 1977.». avuga yuko mu 1977, ibintu byose byakagombye kurangira, ngo maze umuzamuko ukaba. Ni jye wamusemuraga, kandi navuze ku by'iyo ngengagihe mu rwandiko mbwirwabenshi rwa mbere mu 1966. Hanyuma naje gusanga ko mwenedata Branham atigeze avuga iby'ingengagihe.

Igihe umwaka wa 1977 waje ugahita, hadutse inyingisho nshya yakwirakwijwe, ivuga yuko ukuzuka kw'abapfuye kwaba kwarabaye igihe habaga uguhinda umushyitsi kw'isi gukomeye ku nkombe y'inyanja mu burengerazuba bwa Leta z'unze ubumwe za Amerika, bavuga yuko aribwo umuhanuzi yazasoza umurimo we mu ihema. Ntitwabasha kwita ku nyigisho z'ibinyoma zose – byaba ari ugutakaza umwanya wacu.

Tutagiye mu buryo burambuye mu ngingo zose zigishijwe n'ababwiriza bo muri Leta zunze ubumwe za Amerika, ni ngombwa kuvuga yuko nta numwe muri bo wabashije gutanga ubuhamya bw'umuhamagaro. Nta numwe muri bo wabwirije Ijambo: bose babaze inkuru zabo bateguye uburyo bishakiye, kandi bari bashishikajwe gusa n'interuro z'umuhanuzi: «Umuhanuzi yaravuze…»

Ndavuga ibi kubw'icyubahiro cy'Imana: sinigeze n'inshuro n'imwe nta Ijambo ry'Imana, cyangwa ngo nemere insobanuro bwite. Ibyo byatumye benedata bandrwanya, kubera yuko bashyize interuro z'umuhanuzi hejuru y'Ijambo ry'Imana, kandi ntibarekeye ibyanditswe byera kugumana ubutware bw'ikirenga.

Hanyuma, mu 1979, umwanzi yabashije kubiba ugushidikanya ku inshingano y'umurimo, kugira ngo anteshe agaciro, no gusenya iteraniro. Nari inyuma y'uruhimbi ubwo numvaga mu buryo butunguranye, mbere yuko ikibwirizwa kirangira, umugore asakuza cyane n'ijwi rirenga ati: «hano n'ibintu by'uburyarya gusa! Nimusohoke, muve muri uru rusengero, ntimuzahagaruke na rimwe, kubera yuko ibya hano birangiye burundu!». Abo bose bizera ibyo ijwi ry'uwo mugore ryavuze, ntibarigera bagaruka guterana hano. Abo bose bizera ibyo Ijwi ry'Umwami Imana ryavuze ku itariki ya 2 ukwezi kwa kane 1962, n'ibyo mwenedata Branham yahamirije ku itariki ya 3 ukwezi kwa cumi na kabiri 1962, imbere y'abahamya babiri, baturuka ku isi hose bakuzura urusengero. Kandi ibihumbi byinshi bikurikira ku murongo wa internet, kandi bumva Ijambo ritunganye ryagenewe iki

gihe. Umwami yarinze Ijambo rye, kandi ntiyemereye umwanzi gusenya Umurimo We.

Igice cya kabiri cy'itegeko ryatanzwe n'Imana ku itariki ya 11, ukwezi kwa gatandatu 1933, ari icyo cyo kubwiriza ubutumwa ku isi hose, cyasohoreye imbere y'amaso yacu. Muri Matayo 24:14, Umwami wacu yagize ati: *«Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize.»*

Mwenedata Branham yari yarahawe itegeko, mu kwezi kwa gatatu 1962, ryo guhunika ibyo kurya, nk'uko yabivuze ku itariki ya 1, ukwezi kwa kane. Ubwo yavugaga ku kimenyetso cya karindwi, yahindukiriye mwenedata Neville, nyuma y'iminota 10 ya mbere aravuga ati: «Ubu ibyo kurya byamaze guhunikwa», ku cyumweru tariki ya 19 ukwezi kwa cyenda 1976, Umwami Imana yampamagaye n'ijwi rirenga ati: «Mugaragu wanjye, nakugennye nk'uko byanditswe muri Matayo 24:45-47, kugira ngo ugabure ibyo kurya mu gihe gikwiriye». Ibyo kurya nabigejeje kuri benedata bose bakora umurimo wo kubwiriza, no ku bwoko bw'Imana. Intore zose zizera buri Jambo ry'Imana, kandi zubaha icyemezo cy'Imana. Baryoherwa n'ibyo kurya byuzuye ku meza y'UMWAMI.

Ndi umuntu cyo kimwe nka Eliya, Pawulo, cyangwa mwenedata Branham, ariko na none ni ukuri yuko nasohoje inshingano y'umurimo nahawe n'Umwami Imana. Ntabwo ari ngombwa gusubiramo imabwiriza, no kugendererwa by'indengakamere ibyo Umwami Imana wo kwiringirwa yampaye mu myaka yashize, nabivuzeho kenshi mu nzandiko mwirwabenshi zitandukanye. Buri kugendererwa n'Imana by'indengakamere ni iby'ukuri. Imana niyo ntanzeho Umuhamya. Cyo kimwe na Pawulo na mwenedata Branham, kuri buri uko kugendererwa, natanga isaha, n'ahantu byabereye.

Ku bw'ubuntu bw'Imana, cyo kimwe nka Pawulo, nshobora guhamya yuko nahamagawe kugira ngo *«…mbwirize ubutumwa bwiza bw'Imana, –ubwo yasezeranije kera mu kanwa k'abahanuzi bayo mu byanditswe byera,»*(Abaroma 1:1-2), no kuba narashohoje ibyo Imana yantegetse. Nk'uko byanditse mu Abifilipi 1:6, Umwami Imana ubwe azasohoza Umurimo we*: «Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsi wa Yesu Kristo,».*

*«…Ijambo Uwiteka atumye kuri Zerubabeli ngiri ati 'Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye.' Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga»* (Zakariya 4: 6).

Ukora, akoreshejwe n'Imana




## Ibimenyetso by'ibihe

Turiho mu gihe ubuhanuzi bwo muri Bibiliya burimo gusohora. Imihindagurikire y'ikirere ni ikimenyetso cy'igihe cy'imperuka. Byavuzwe mbere, kandi bifitanye isano itaziguye hamwe n'ubwoko bwa Isirayeli, ndetse no k'ukugaruka kwabwo mu gihugu cy'isezerano.

Turebe twitonze ibyo Imana yavugiye mu kanwa ka Yesaya, mu gice cya 30, ku murongo wa 26:

*«Umwezi w'ukwezi uzamera nk'umucyo w'izuba, kandi umucyo w'izuba uzongerwa karindwi uhwane n'umucyo w'iminsi irindwi, ubwo Uwiteka azapfuka ibisebe by'abantu be akavura n'inguma zabo».*

Imihindagurikire y'ikirere n'ubwiyongere bw'ubushyuhe k'umububumbe w'isi butewe n'ubwiyongere bw'imirasire y'izuba, ntibyakagombye kuba ikimenyetso cy'impuruza ku bantu bose?

Uguhinda umushyitsi ku isi, n'ibindi biza bijya bigaragara hirya no hino, ariko imihindagurikire y'ikirere iri ku isi hose,

*«Uwo ni wo mugambi wagiriwe isi yose, kandi uko ni ko kuboko kwaramburiwe amahanga yose. Ubwo Uwiteka Nyiringabo ari we wabigambiriye ni nde uzamuvuguruza? Ukuboko kwe kurabanguye, ni nde uzaguhina?»* (Yesaya 14: 26-27).

Abatuye isi bamaze kumenya neza yuko imihindagurikire y'ikirere n'ukwiyongera kw'ubushyuhe k'umububumbe w'isi bifite umuvuduko mwinshi, kandi bose barashakisha igisubizo mu buryo budatanga icyizire. Ubuhinzi bugize imwe mu masoko y'ubuzima, bwagizweho ingaruka mu buryo bwihariye. Ikizakurikiraho n'imibereho y'abantu izaba ihenze cyane, n'inzara ku isi hose. Hatitaweho ibikorwa bitandukanye, na gahunda zo kugabanya ikwirakwizwa kw'imyuka ihumanya ikirere, ubuhanuzi bwavuzwe mu byanditswe kubw'iki gihe, buzasohora.

Ibyanditswe byera byerekana mu buryo bweruye isano iri hagati y'uko kwiyongera inshuro ndwi kw'imirasire y'izuba, no gusubira kubakika kw'ibyari byarasenywe byashyikiye Isirayeli.

Umugaba w'ingabo z'Abaroma Titus, yasenye Urusengero, Yerusalemu ayihindura amatongo mu mwaka wa 70 nyuma yo kuvuka kwa Yesu Kristo, hanyuma abayahudi bashwiragijwe ku isi hose. Ku ingoma y'umwami Constantin, igihe kiliziya y'i Roma, yahimbwe na Athanase mu mwaka 321 nyuma yo kuvuka kwa Yesu Kristo, Abayahudi babujijwe kuziririza isabato, amasinagogi yabo ahindurwa ibiraro by'amatungo. Icyo gihe ingengabitekerezo yo kwanga abayahudi, yagaragaye mu biyita abakristo, kandi iracyakomeza na n'uyu munsi.

Abayahudi bahuye n'imibabaro myinshi, cyane cyane igihe cy'intambara ndwi, zitiriwe umusaraba, zategetswe n'aba Papa. Bahamagariraga abarwanyi: «Guhorera ku abayahudi, amaraso y'Uwabambwe!». Intambara ya mbere yitiriwe umusaraba yatangiye mu 1069 igeza mu 1099, yiciwemo abayahudi 70 000, n'abandi bantu bo mu yandi mahanga. Iya nyuma yatangiye mu 1248 igeza mu 1254. Umubare rusange w'abantu bishwe ntabwo uzwi neza, ntabwo tuzi niba ari amagana y'ibihumbi, cyangwa miliyoni imwe. Mu gihe cy'iyicwa rubozo ry'abayahudi " la Shoah" hishwe abagera muri miliyoni esheshatu.



Reka tubisubiremo: ukwiyongera kw'imirasire y'izuba, nk'uko ibyo byavuzwe mbere, bihuzwa, no gusubira kw'ubwoko bwa Isirayeli ku butaka bwasezeranijwe. Ubutegetsi bw'Abisirayeli bwasubiyekubaho uhereye ku itariki 14, ukwezi kwa gatanu 1948, kandi imbaraga zo gushyiraho amasezerano y'amahoro mu Burasirazuba bwo Hagati zigeze ku indunduro. Ibikomere ubwoko bwa Isirayeli bwakomerekejwe, birimo gukira.

Abakuru b'ibihugu bose bakagombye kwubaha ibyanditswe mu cyemezo kimwe rukumbi gifite agaciro, ari cyo Bibiliya/Tora. Aha

turimo kuvuga kubirebana cyane cyane na Yerusalemu n'Umusozi w'Urusengero.

Nk'uko byanditswe mu Itangiriro 22, Aburahamu yasabwe hashize imyaka irenga 4000, gutambira Uwiteka, umuhungu we Isaka ku musozi Moriya, ari wo waje guhinduka hanyuma umusozi w'Urusengero: *«Iramubwira iti "Jyana umwana wawe, umwana wawe w'ikinege ukunda Isaka, ujye mu gihugu cy'i Moriya umutambireyo ku musozi ndi bukubwire, abe igitambo cyoswa»* (Umurongo wa 2).

Nk'uko byanditswe mu 1 Ngoma 21: 18-25, Dawudi yaguze ikibanza na Orunani w'umuyebusi: *«Nuko marayika w'Uwiteka ategeka Gadi kubwira Dawidi, ko azamuka akubakira Uwiteka igicaniro ku mbuga ya Orunani w'Umuyebusi…Nuko Dawidi agura na Orunani ikibanza izahabu, kuremera kwazo kwari shekeli magana atandatu»*, ako gaciro kangana uyu munsi na yero hafi 600 000 € cyangwa amadolari 650 000 $.

Nk'uko byanditswe mu 2 Ngoma 3, Salomo yubatse Urusengero ku Musozi Moriya – Umusozi w'Urusengero: «*Nuko Salomo atangira kubaka inzu y'Uwiteka i Yerusalemu ku musozi Moriya, aho Uwiteka yiyerekeye se Dawidi. Ni ho yayitunganyirije, aho Dawidi yategetse ku mbuga ya Orunani w'Umuyebusi»*. Ndasaba yuko habaho ukwubaha Imana/Elohim n'Ijambo Rye, Bibiliya/Tora.

Dufite abahamya batatu batoranijwe n'Imana: Aburahamu, Dawudi, na Salomo, bavugwa ku birebana na Yerusalemu, n'Umusozi w'Urusengero. Ibyo byanditswe uko ari bitatu bihamya yuko nta wundi muntu ufite uburenganzira kuri Yerusalemu n'Umusozi w'Urusengero.

Twongere dusuzume ibindi byanditswe, bivuga k'ukugaruka k'ubwoko bwa Isirayeli mu gihugu cyabo, nta muntu wabihakana ni ibintu bifatika byabaye.

*«Uwiteka azababarira Abayakobo, ntazabura gutoranya Abisirayeli ngo abasubize mu gihugu cyabo bwite: kand'abanyamahanga bazifatanya na bo, bomatane n'ab'inzu ya Yakobo »* (Yesaya 14: 1).

*«…Garuka wa mwari wa Isirayeli we, usubire muri iyi midugudu yawe !»* (Yeremiya 31: 21b).

«*Maze Uwiteka azagarura i Buyuda habe umugabane we wo mu gihugu cyera, kandi azongera gutoranya i Yerusalemu»* (Zakaria 2:12).

*«Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo»* (Amosi 3: 7).

*«…Kandi igihugu cyari umwirare kizahingwa, nubwo cyari ikidaturwa imbere y'abahita bose; Maze bazavuga bati "Iki gihugu cyahoze ari umwirare cyahindutse nka ya ngobyi yo muri Edeni, kandi imidugudu yari yarasenyutse y'amatongo idatuwemo, noneho yakikijwe n'inkike z'amabuye, ituwemo»* (Ezekiyeli 36:34-35). Ibi byanditswe byose byasohoreye imbere y'amaso yacu.

Muri Ezekiyeli 47, ugusubira kwubakwa kw'Urusengero kurondorwa mu buryo nyabwo. Mu gice cya 48, twerekwa amoko 12 ya Isirayeli ari muri gakondo yabo, nk'uko bahawe imigabane mu gihe cya Yosuwa, nk'uko Imana yari yabigennye.

Kubw'abigabanije igihugu cya Isirayeli, urubanza rurabategereje: *«…Ni ho nzabaciraho urubanza rw'ubwoko bwanjye, ari bwo mwandu wanjye Isirayeli, abo batatanyije mu mahanga, bakigabanya igihugu cyanjye»* (Joël 3:2b).

*«Uwo munsi i Yerusalemu nzahahindura ibuye riremerera amahanga yose, abazaryikorera bose bazakomereka cyane, kandi amahanga yose yo mu isi azateranira kuharwanya»* (Zakariya 12: 3).

Nta muntu numwe ushobora guhagarika ugusohora kw'ibyavuzwe mbere, mu buhanuzi bwo muri Bibiliya burebana n'igihe cyacu.

*«Kandi hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri, kandi no hasi amahanga azababara, bumirwe bumvise inyanja n'umuraba bihorera …»* (Luka 21: 25).

Ubu ibyavuzwe mbere mu buhanuzi bw'igihe cya nyuma, burebana na Isirayeli, burimo gusohora. Imihandagurikire y'ikirere n'ubushyuhe bw'isi bitwereka mu buryo bweruye yuko iki ari ikimenyetso cy'ibihe.

Ibyo umuhanuzi Yesaya yahanuye bikomeza kuba iby'ukuri, kandi dushobora kuvuga koko yuko icyo cyanditswe cyasohoreye imbere y'amaso yacu. Imana ya Isirayeli irimo gukuraho ibibi byose byagiriwe ubwoko Bwe, no gukiza inguma batewe (Yesaya 30:26).

*«Ariko amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi yanyu kuko yumva!»* (Matayo 13: 16).

*«Uwiteka azivuga ari i Siyoni, arangurure ijwi ari i Yerusalemu. Ijuru n'isi bizatigita, ariko Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro, abere Abisirayeli igihome. Ubwo muzamenya yuko ndi Uwiteka Imana yanyu, mba i Siyoni ku musozi wanjye wera, icyo gihe i Yerusalemu hazaba ahera, kandi nta bagenzi bazongera kuhanyura ukundi»* (Joël 4: 16-17).

*«Uwo munsi Uwiteka azarinda abaturage b'i Yerusalemu, umunyantegenke muri bo azamera nka Dawidi, kandi inzu ya Dawidi izamera nk'Imana, nka marayika w'Uwiteka uri imbere yabo»* (Zach. 12: 8).

Ibi ni byo abantu bose kwi iherezo bazameya.

Hevenu Shalom Alechem

Niba mwifuza ko tubohererereza ibitabo by'ubutumwa, mushobora kutwandikira kuri adresse zikurikira

Centre Missionnaire
P.O Box 100707
47707 Krefeld
Ubudage

Mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, mukoresheje umuyoboro wa interineti. Ku wa gatandatu ni sa moya n'igice nimugoroba, naho ku cyumweru ni saa ine za mugitondo (Isaha yo mu Burayi bwo hagati). Ayo materaniro asakazwa mu isi yose mu ndimi 12 zinyuranye. Nimugire umugabane mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza!

Page web: http://www.freie-volksmission.de

E-mail: volksmission@gmx.de cyangwa
e.frank@freie-volksmission.de
Fax: 0049-2151/951293